REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°28/2018 : **Ukwakira igice cya1: 01–10 Ukwakira 2018**

Ryoherejwe kuwa, 12 Ukwakira 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva mu gice cya mbere (kuva taliki 1-10_Ukwakira_2018); cyagaragaje imvura yabaye nke henshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Rubengera habonetse nyinshi;
- Igipimo ku bubobere bw'ubutaka bwerekana ko cyagiye hejuru mu gice cya mbere cy' Ukwakira_2018 kubera imvura yabonetse mu minsi yanyuma muri iki gice hose mu gihugu
- Mu gice cya kabiri (kuva taliki 11 kugeza taliki 20) Ukwakira_2018; hateganyijwe ibihe by'imvura nyinshi mu minsi ya mbere n'imvura nke mu minsi ya nyuma y'iki gice.

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cy'Ukwakira_2018; cyagaragaje imvura yabaye nke henshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Rubengera (mu Ntara y'Uburengerazuba) habonetse nyinshi.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye kuya 01-10_Ukwakira_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro.

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Ukwakira_2018	01-10_Ukwakira
Kigali	11.5	24.7
Rusizi (Kamembe)	27.7	52.6
Rubavu (Gisenyi)	29.1	41.1
Nyamagabe (Gikongoro)	35.9	51.3
Ngoma (Kibungo)	19.0	23.7
Gicumbi (Byumba)	10.9	27.9
Busogo	38.0	40.7
Bugarama	18.0	26.5
Musanze (Ruhengeri)	34.8	48.9
Gitega	11.8	29.6
Rubengera	54.5	32.8
Byimana	20.0	18.9
Kawangire	34.2	24.3
Nyagatare	19.4	26.0

Imbonerahamwe ya1



Ikigereranyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye kuwa 01-10_Ukwakira_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-30_Nzeri_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ukwakira_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ukwakira



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-30_Nzeri_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-30_Nzeri



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Ukwakira_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_ Ukwakira_2018; cyagaragaje imvura yabaye nke henshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Rubengera (mu Ntara y'Uburengerazuba) habonetse nyinshi ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe1**). Naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-30_Nzeri_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu gihugu hagati ndetse n'amajyaruguru y'Uburasirazuba ikaba nkeya ahandi mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Nzeri.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Ukwakira.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Nzeri kugeza 10_Ukwakira_2018; ububobere bw'ubutaka bwerekana kwiyongera kubera imvura nke yabonetse henshi mu gihugu muri iyi minsi ya nyuma y'iki gice cya mbere cy'Ukwakira_2018 (reba Ikarita 5&6)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri (kuva taliki 11 kugeza taliki 20) Ukwakira_2018

Mu gice cya kabiri cy' Ukwakira_2018; hateganyijwe ibihe by'imvura nyinshi mu minsi ya mbere n'imvura nke mu minsi yanyuma y'iki gice:

- Umujyi wa Kigali: imvura iringaniye (mm 30-80: imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka)
- Intara y'Uburasirazuba: imvura nke (mmm 0-40: imvura isanzwe kugera ku kigero cyo munsi y'isanzwe iboneka)
- Intara y'Amajyepfo: hateganijwe imvura iringaniye (mm 10-80 z'imvura: imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka kugera ku gipimo cyo hasi)
- Intara y'Amajyaruguru: imvura iringaniye (mm 30-80 z'imvura: imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka)
- Intara y'Uburengerazuba: imvura iri hagati ya mm30-150: imvura iri ku kigero cyo hejuru y'isanzwe iboneka mu gice cy'amajyepfo; ikaba ku kigero cy'isanzwe ahasigaye hose

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe gice cya kabiri cya Ukwakira_2018



Ikarita7: Ukwakira.2018 igice cya kabiri

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).